REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE
INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA HUYE YATERANYE KUWA 20 NZERI 2012.

IRIBURIRO

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 20 Nzeri yitabirwa n'abajyanama 25 kuri 28 bayigize.

INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

- Kwemeza inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye kuwa 23/07/2012 no kureba uko ibyemezo byayifatiwemo byashyizwe mu bikorwa.
- Kureba raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe n'Inama Njyanama kuva muri Werurwe 2011 kugeza Kamena 2012.
- Kwemeza isuzuma bushobozi ry'abakozi b'Akarere mu mwaka wa 2011-2012
- Imishahara mishya y'abakozi b'Akarere.
- Kwemeza imyanya y'akazi y'abakozi b'Akarere bakorera ku masezerano.
- Kwemeza abakozi batsinze irushanwa ry'akazi.
- Kwemeza amafaranga yakwa mu bigo by'amashuri ya Leta byo mu Karere ka Huye.
- Kwemeza ibibanza bizubakwamo Imirenge SACCO

- Ibindi: Ikibazo cy'inyubako ya Hotel Faucon

Mu byemezo by'ingenzi byafashwe harimo:

i. Kwemeza inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 23 Nyakanga 2012 imaze kuyikorera ubugororangingo.
ii. Kwemeza raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe n'Inama Njyanama kuva muri Werurwe 2011 kugeza muri Kamena 2012.
iii. Kwemeza isuzuma bushobozi ry'abakozi b'Akarere mu mwaka wa 2011-2012.
iv. Kwemeza imishahara mishya y'abakozi b'Akarere.
v. Kwemeza imyanya y'akazi y'abakozi b'Akarere bakorera ku masezerano.
vi. Kwemeza abakozi batsinze irushanwa ry'akazi.
vii. Kwemeza amafaranga yakwa mu bigo by'amashuri yisumbuye ya Leta byo mu Karere ka Huye.
viii. Kwemeza ibibanza bizubakwamo Imirenge SACCO.
ix. Kwemeza ko Hotel Faucon yubaka ikurikije master plan y'Umujyi wa Huye.

IBYEMEZO

1. Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 23 Nyakanga 2012 imaze kuyikorera ubugororangingo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

2. Inama Njyanama yishimye ibyo Akarere ka Huye kamaze kageraho aribyo:

- Umwanya wa kane kagize mu isuzuma ry'imihigo y'umwaka wa 2011-2012

- Igihembo Akarere kahawe mu gufata neza abafatanya bikorwa bakorera mu Karere.
- Umusanzu kabonye wo gutanga mu kigega cya''Agaciro Development Fund''
- Ishuri ry'imyuga kahawe rizakorera muri ESO Butare

3. Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kuzayigaragariza mu Nama Njyanama itaha inyandiko yandikiwe na WDA igaragaza imicungire y'ikigo cya EAV Kabutare. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

4. Inama Njyanama imaze gusuzuma raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe n'Inama Njyanama kuva muri Werurwe 2011kugeza muri Kamena 2012 yayemeje, ishima n'uburyo byashyizwe mu bikorwa. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

5. Inama Njyanama yemeje ko uwari waremerewe ikibanza cyo kubakamo Gare Bwana GAKWAYA Etienne, namara amezi abiri(2) yahawe adatangiye kubaka, azandikirwa amenyeshwa ko atagifite uburenganzira kuri icyo kibanza; kandi inasaba Komite Nyobozi y'Akarere gushaka uko Gare y'Akarere yakubakwa. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

6. Inama Njyanama yemeje isuzuma bushobozi ry'abakozi b'Akarere ka Huye mu mwaka wa 2011-2012, imaze kuryunguranaho ibitekerezo . Iryo suzuma bushobozi riri ku mugereka w'iyi myanzuro. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

7. Inama Njyanama yemeje burundu mu kazi abakozi b'Akarere barangije amezi y'igerageza ku buryo bukurikira:

N°	**AMAZINA**	**ICYO ASHINZWE**	**Ibikorwa /80 or /70**	**Imyitwari re:20 or /30**	**Igitera yo %**	**Icyemezo cy'Inama Njyanama**
1	TUYIZERE J.Claude	Land Management Infrastructure and Rural Settlement/**RUHASHYA**	64	14,4	78.4	**Yemejwe**
2	MUSABIRWA Enock	2nd Procurement Officer	65	15	80	**Yemejwe**

3	NDANGAMYAMBI Willibrod	Human Resource Management and Staff Salaries	56	14	70	**Yemejwe**
4	RUTAGANIRA Bernard	Social Welfare ,Protection and Health/**GISHAMVU**	57.6	14.5	72.1	**Yemejwe**
5	MUKAKARENGERA Anathalie	Social Welfare ,Protection and Health/**KARAMA**	65	17	82	**Yemejwe**
6	NTIRURAMBIRWA Damien	Social Welfare ,Protection and Health/**SIMBI** REINTEGRATION	62	**20**	**82**	**Yemejwe**
7	NSENGIYUMVA Aimable Réné	Agriculture	68	16	84	**Yemejwe**
8	UWASE Assoumpta	Archivist Land Bureau and Customer Care	64	16	80	**Yemejwe**
9	MUSABYIMANA J.Bosco	VUP Finance Officer	62	15	77	**Yemejwe**
10	MIGABO Vital	Executive Secretary/**KINAZI**	55	23	78	**Yemejwe**
11	HAKUZIYAREMYE Annonciata	Executive Secretary Cell Level/ **KIMIREHE**	48	24	72	**Yemejwe**
12	NUBAHA Emmanuel	Executive Secretary Cell Level/**BUNAZI**	58	16	79	**Yemejwe**
13	KARAME Léonidas	Executive Secretary Cell Level/	58	24	82	**Yemejwe**
14	NIYONZIMA Védaste	Executive Secretary Cell Level/ **BUSHESHI**	53	21.6	74.6	**Yemejwe**
15	KAYIRANGWA Jeannine	Executive Secretary Cell Level/ **RUHASHYA**	66	21,6	87,6	**Yemejwe**
16	MURENGEZI Origène	Executive Secretary Cell Level/ **MUHEMBE**	51	24	75	**Yemejwe**
17	UWITONZE Christine	Social Economic and Development/ **BUKOMEYE**	68	16	84	**Yemejwe**
19	IHIRWE Nine Laurence	Social Economic and Development/ **KABUGA**	67	16	83	**Yemejwe**
20	NYIRANEZA Odette	Social Economic and Development/ **BUHORO**	64	16	80	**Yemejwe**
21	NKURIKIYINKA Innocent	Deputy Head Master/SHEKE	71	16	87	**Yemejwe**

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

8. Inama Njyanama imaze kuganira no kungurana ibitekerezo ku mbonerahamwe y'icyitegererezo gishya cy'imishahara y'abakozi b'Akarere igasanga muri rusange abakozi barasubiye inyuma ku mishahara bari bagezeho bahembwa; Inama Njyanama yakuyeho icyemezo cyo kongeza abakozi ho 30% ku mishahara yabo cyari gisanzweho, maze yemeza kongerera abakozi b'Akarere ho 20% ku mishahara yabo mishya. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

9. Inama Njyanama imaze gusuzuma imyanya y'abakozi b'Akarere bakorera ku masezerano, yayunguranyeho ibitekerezo yemeza imyanya iri ku mugereka w'ibi byemezo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

10. Inama Njyanama yemeje abakozi batsinze irushanwa ry'akazi ku buryo bukurikira:

Nº	**Amazina**	**Umwanya yatsindiye**	**Amanota**
1	UWIMANA Chantal	Family Promotion and Gender	73%
2	BARAKAGWIRA Christine	Central Secretariat	73.5%

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

11. Inama Njyanama yemeje amafaranga yakwa mu bigo by'amashuri yisumbuye ya Leta byo mu Karere ka Huye, nk'uko agaragara ku mugereka w'ibi byemezo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

12. Inama Njyanama yemeje ibibanza bizubakwamo Imirenge SACCO mu karere ka Huye hakurikijwe igiciro cy'ubutaka mu Tugari biherereyemo ku buryo bukurikira:

Nº	**UMURENGE**	**UMURENGE SACCO**	**AHO IKIBANZA GIREREYE**	**UBUSO BW'IKIBANZA BWEMEJWE**
1	HUYE	TUJYANE HUYE SACCO	Akagari: Rukira, umudugudu: Magonde	20/30
2	MUKURA	UMBWUGAMO MUKURA SACCO	Akagari: Rango A, Umudugudu: Agakombe	20/30
3	RUSATIRA	SHISHOZA UKIRE RUSATIRA SACCO	Akagari: Buhimba, Umudugudu: Impinga	20/30
4	KINAZI	AMIZERO KINAZI SACCO	Akagari: Gahana, Umudugudu: Gasaka	20/30
5	KIGOMA	TEGANYA KIGOMA SACCO	Akagari:Rusebeya, Umudugudu: Nyarurembo	20/30
6	MARABA	KIRA MARABA SACCO	Akagari: Shyembe, umudugudu: Kizi	15/20

7	SIMBI	DUKIRE SIMBI SACCO	Akagari: Cyendajuru, umudugudu: Cyendajuru	20/30
8	GISHAMVU	COOPEC INGERI GISHAMVU	Akagari: Nyumba, umudugudu: Gasyankingi	20/20
9	KARAMA	TUGERE HEZA KARAMA SOCCO	Akagari:Gahororo, umudugudu: Sangano	2O/25
10	RWANIRO	RWANIRO HIRWA SACCO	Akagari:Gatwaro, Umudugudu: Gatwaro	20/30
11	RUHASHYA	TUGENDANE N'IGIHE RUHASHYA	Akagari ka Rugogwe	20/30

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama

13. Inama Njyanama yemeje ko Hotel Faucon nayo yakubakwa ikurikije master plan y'Umujyi wa Huye, ariko ikubahiriza ibiranga amateka y'U Rwanda isanzwe ifite. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

Bikorewe i Huye, kuwa 20 Nzeri 2011

MUKASINE Marthe
Umunyamabanga w'Inama
Njyanama y'Akarere ka Huye

UMULIISA Alphonse
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Huye